# FRONT PATRIOTIQUE RWANDAIS -INKOTANYI

## ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

**Umuryango FPR-Inkotanyi utangiye gahunda yo gushaka abazawuhagararira mu Nteko Ishinga Amategeko**

Mu minsi iri imbere, Abanyamuryango ba FPR-Inkotanyi mu gihugu hose bazahurira mu tugari batuyemo kugira ngo bihitiremo abo bifuza ko bazabahagararira mu matora y'Abadepite azaba ku itariki ya 2 Nzeri ku banyarwanda baba mu mahanga no ku ya 3 Nzeri 2018 ku banyarwanda baba mu Rwanda.

Avuga kuri iki gikorwa, ukuriye urwego rushinzwe amatora mu Muryango FPR-Inkotanyi, Bwana Aimable Havugiyaremye yavuze ko iyi ari intambwe ikomeye mu gukomeza kwimakaza Demokarasi, imwe mu nkingi shingiro z'Umuryango FPR Inkotanyi.

"Dutangiye iyi nzira yo gushaka abazahagarira Umuryango FPR-Inkotanyi kugira ngo duhe abanyamuryango bose uburyo bwo kugaragaza ubushobozi bwabo kandi bakabikora nk'uburenganzira bwabo. Abazatorwa bose bazaharanira inyungu z'abanyarwanda bose igihe bazaba babahagarariye mu Nteko Ishinga Amategeko."

B.P. 195 Kigali, Rwanda Tel: 0252582048, Fax: 0252582043, Website: rpfinkotanyi.org

Aya matora ku rwego rw'Akagari azakorwa ku buryo buziguye, aho buri wese mu bagize inteko itora azandika amazina y'abantu babiri (2) yifuza ko bamuhagararira, umugabo umwe (1) n'umugore umwe (1).

Urutonde rw'abazatorwa kuri buri kagari ruzagezwa ku rwego rw'Akarere. Ku rwego rw'Akarere, makumyabiri (20) ba mbere bazaba bagize amajwi menshi bazashyikirizwa inteko itora, ibatoremo bane (4) barimo abagore babiri (2) n'abagabo babiri (2) bazashyikirizwa urwego rw'Igihugu, ari na rwo ruzemeza urutonde ntakuka rw'abazahagararira Umuryango FPR-Inkotanyi mu matora rusange y'Abadepite.

Ibindi bisobanuro kuri aya matora murabisanga ku rubuga www.rpfinkotanyi.rw

**Bikorewe I Kigali, kuwa 01 Kamena 2018**

**Urwego rushinzwe amatora mu Muryango FPR-Inkotanyi**

FRONT PATRIOTIQUE RWANDAIS
FPR INKOTANYI
B.P. 195 KIGALI
INKOTANYI